



Mutarama / Januar 2020

Ikinyarwanda

Genda amahoro!

(Lk 7,50)

Kontakt: Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.: +49-172-5638432
Mail: meinolf.wacker@go4peace.eu
Homepage: www.go4peace.eu

Kingura umutima wawe! Open your heart!

Nshuti bakunzi b'ijambo,

Hashize imyaka myinshi mumenye kandi nshima cyane uko abayeho. Yiyemeje gushaka umugabo. Inshuro nyinshi nagize amahirwe yo kubona ukuntu yakundanaga n'inshuti ye bateganyaga kubana. Rwari urukundo ruzira ikizinga kandi rwuzuye ubunyangamugayo. Igihe cyo gushyingirwa cyaje kugera. Mbere gato y'umunsi mukuru w'ishyingirwa naramuhagaye. "Nshobora kugusangiza ikintu kimwe nabonye?", arambaza. Ni uko arantekereza: "Kuva iki cyumweru cyatangira natashywemo n'umwijima udasanze. Mu muryango wacu hari amakimbirane menshi ndetse yasatiriye n'inshuti yanjye. Ni ubwa mbere ibi bintu bibaye ho. Sinyumvisha impamvu bigenze gutya. Hari ikintu kigamije gusenya kiri gukora ibi bintu! Umutima wanjye nta mahoro ugifite."

Twaganiriye akanya karambuye. Ni uko ndamubwira: "Urabizi, Michaela we, iyo Imana ishaka gukora ibintu binini, iteka havuka izindi mbaraga ziba zidashaka ko uko gushaka kw'Imana kugerwaho. Kuba ubu ngubu mbere gato y'ubukwe bwawe wumva uri mu mwijima, ni ikimenyetso cy'uko uri mu nzira nziza!" Nyuma y'ikiganiro twagiranye numva arambwiye: "Oh, ubu ngubu umutima wanjye usubiye mu gitereko!" Yaje gukora ubukwe bwiza cyane.

Nk'uko wa mugore w'umunyabyaha twumva mu ivanjiri ya Luka yakinguriye Yezu umutima we ndetse akawumuha, nyuma Yezu akaza kumubwira ati: „genda amahoro!”, na Michaela na we yakinguye umutima we. Yashoboye kuvugira ahantu yizeye ibyari biremereye umutima we byose. Byaramufashije ni uko yongera kugira amahoro mu mutima we.

Uzagira amahoro nawe ubwawe, igihe utazemera ko ibyuyumviro bibi n'ibitekerezo bisenya bigutsinda. Fata akanya k'umutuzo. Umvira icyo umutimanama wawe ukubwira. Bivuge ubundi ubihereze Imana. Hanyuma nubishaka ubisangize umuntu wizeye. Kugira ngo muri wowe ugire amahoro: **Kingura umutima wawe! – Open your heart!**

Kubw'itsinda OnWord

Meinolf Wacker